No 229 Juillet-Aout2020

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO YA SENA YA POLITIKI N'IMIYOBORERE MYIZA YAGIRANYE IBIGANIRO N'IHURIRO KU MIKORERE Y'ISHURI RY' IHURIRO RYIGISHA URUBYIRUKO IBYA POLITIKI /YPLA



*Mu ruzinduko yakoreye mu Ihuriro, Komisiyo ya Sena ya Politiki n'Imiyoborere myiza yagiranye ikiganiro n'Ihuriro mu rwego rwo gusobanukirwa no kugenzura imiterere y'amasomo urubyiruko ruhabwa mu ishuri rihugura urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere/YPLA n'uruhare rw'urubyiruko rwahuguwe muri iryo shuri mu gufasha Imitwe ya Politiki gukomeza kunoza imikorere yayo.*

*Ibi biganiro bikaba byabaye kuri uyu wa kabiri tariki ya 28 Nyakanga 2020, ku biro by'Ihuriro ku Kacyiru mu Karere ka Gasabo.*

Iri tsinda ryari rigizwe na Hon. DUSHIMIMANA Lambert, Perezida w'iyi Komisiyo; Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadija, Visi Perezida w'iyi Komisiyo; Hon. NTIDENDEREZA William; Hon. UWERA Pelagie; Hon. Prof. KARANGWA Chrysologue na Hon. NSENGIYUMVA Fulgence.

Nyuma yo guhabwa ikaze n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. DUSHIMIMANA Lambert, Perezida wa Komisiyo yabwiye abari muri ibi biganiro ko bamaze iminsi bagenzura uko Imitwe ya Politiki ifasha urubyiruko ruhugurirwa mu Ishyuri ry'Ihuriro ryigisha urubyiruko ibya politiki n'imiyoborere/YPLA gukoresha neza ubumenyi ruvana muri iryo shuri; kumenya imiterere y'amasomo urubyiruko ruhabwa n'uruhare rw'urubyiruko rwahuguwe mu gufasha Imitwe ya Politiki gukomeza kunoza imikorere yayo.

Umuvugizi w'Ihuriro Hon. MUNYANGEYO Theogene wakiriye aba Basenateri, yabashimiye uruhare bagira mu kugenzura iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Amahame Remezo, n'izindi nshingano zayo muri rusange; ababwira ko Ihuriro naryo nk'Urwego rushyirwaho n'Itegeko Nshinga, ryubahiriza ayo Mahame Remezo kandi rifasha, binyuze mu nshingano zaryo, Imitwe ya Politiki kuyubahiriza rikaba kandi nk'imwe mu nshingano zaryo, rifasha Imitwe ya Politiki mu kubaka ubushobozi bwayo, haba mu mahugurwa ategurwa n'Imitwe ya Politiki ubwayo, haba kandi no mu mahugurwa ategurwa n'Ihuriro.
Mu mahugurwa ategurwa n'Ihuriro, hakaba harimo n'ishuri ry'Ihuriro ryigisha urubyiruko ibya politiki n'imiyoborere/YPLA.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa agaruka ku biga muri iri shuri yavuze ko ari abasore n'inkumi batoranywa n'Imitwe ya Politiki babarizwamo (iri mu Ihuriro), buri Mutwe wa Politiki wohereza umubare ungana w'abakobwa n'abahungu, ko bagomba kuba batarengeje imyaka 30 y'amavuko, bararangije cyangwa biga muri kaminuza kandi ko buri tsinda (Class/Promotion) riba rigizwe n'abantu 44 bigira i Kigali na 44 bigira mu Ntara. Iyo bageze mu Ihuriro bafatwa kimwe bose, bagasabwa kurangwa n'ubwubahane no kurangiza gahunda y'amasomo uko iteganyijwe.

Amasamo akaba atangwa n'impuguke, abashakashatsi, abarimu mu mashuri makuru na kaminuza, abanyapolitiki, cyangwa inararibonye, baturuka mu nzego za Leta, izigenga n'imiryango Nyarwanda itari iya Leta.
Yasoje avuga ko n'ubwo Ihuriro ryiyemeje, kandi biri mu nshingano zaryo, gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki, rifite **imbogamizi y'ingengo y'imari idahagije** ku buryo gutegura iyi gahunda y'amahugurwa nk'uko yari isanzwe ikorwa kabiri mu mwaka bitari gushoboka.
Ihuriro rikaba rikeneye kongererwa ingengo y'imari kugira ngo rishobore gukomeza kuzuza inshingano zaryo zo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki.

Abasenateri bagize iri tsinda bashimye ibisobanuro bahawe, basaba ko Ihuriro ryazategura ikiganiro cyihariye cyo kurebera hamwe uko imikorere y'iri shuri yakomeza kunozwa kuko ari ingirakamaro, bakanarebera hamwe kandi icyakorwa kugira ngo urubyiruko rwahuguwe rurusheho kugaragaza impinduka nziza mu mikorere y'Imitwe ya Politiki.

Umuvugizi w'Ihuriro yashimye abagize iyi Komisiyo, uburyo bashyira mu bikorwa inshingano zayo zo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo, n'uburyo yafashe uyu mwanya ngo igirane ibiganiro n'Imitwe ya Politiki hagamijwe kugenzura uko Imitwe ya Politiki ifasha urubyiruko mu kwimenyereza umwuga wa politiki no kugira uruhare mu kwiyubaka kwayo, ariko ashima by'umwihariko uko basuye Ihuriro ngo bimenyere byimbitse imikorere y'Ishyuri ry'Ihuriro ryigisha urubyiruko ibya Politiki n'imiyoborere/YPLA n'imbogamizi zihari kugira ngo urubyiruko rurangiza muri iryo shuri rutange umusaruro wa ngombwa mu Mitwe ya Politiki yarwo.

## IHURIRO RIKOMEJE KONGERERA UBUSHOBOZI ABAYOBOZI B'INGAGA Z'ABAGORE ZISHAMIKIYE KU MITWE YA POLITIKI



Kuva tariki ya 22-23 Kanama 2020, muri gahunda yaryo yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, muri Hotel MUHAZI Beach iri mu Karere ka Rwamagana mu Ntara y'Iburasirazuba, habereye amahugurwa yahuje abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro. Aya mahugurwa yahuje abagore 77, baturuka mu Turere twose tugize iyi Ntara, buri Mutwe wa Politiki ukaba wari uhagarariwe n'abagore barindwi (7).

Aya mahugurwa yibanze k'**Uruhare rw'abagore bo mu Mitwe ya Politiki mu bikorwa bya politiki no mu nzego zifatirwamo ibyemezo.** Akaba yari agamije gushishikariza abagore bo mu Mitwe ya Politiki gukomeza kwitabira ibikorwa bya Politiki no kwitabira guhatanira kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo.
Mu biganiro byatanzwe harimo ***Uruhare rw'Umugore mu bikorwa bya Politiki, umugore arashoboye: ibyakozwe, ibiteganyijwe kugerwaho n'ingorane zigihari***. Iki kiganiro cyatanzwe na Hon. Mukasine Marie Claire, aho yagaragaje ishingiro ry'uruhare rw'umugore mu bikorwa bya Politiki mu Rwanda.
***Hatanzwe kandi ikiganiro k'Uruhare rw'abagore bo mu rugaga rw'Umutwe wa Politiki mu miyoborere mpinduramatwara"***, cyatanzwe na Hon. Gakuba Jeanne, aho mu kiganiro cye yibanze ku nshingano eshatu z'ingenzi zireba umugore w'umuyobozi: umugore nk'umubyeyi, umugore nk'umuyobozi, umugore ugomba gutunganya inshingano z'urugo (spouse).
Ikiganiro cya gatatu (3) cyibanze kuri ***Politiki yo guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda: ibyagezweho, inzitizi zikigaragara n'ingamba zo kuzikemura.*** Iki kiganiro cyatanzwe na Madamu Mukandasira Caritas, Umugenzuzi Mukuru Wungirije mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Iterambere ry'Igihugu. Mu kiganiro cye yagarutse ku nshingano z'Urwego, uburyo ubugenzuzi bukorwa, ibyagezweho mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uburinganire, agaragaza ingorane zigihari n'ingamba Igihugu gifite kugira ngo ibibangamira iri hame biveho.

Usibye ibi biganiro uko ari bitatu (3), muri aya mahugurwa kandi, intumwa za ***Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu*** zakoresheje umwitozo (umukoro ngiro) abayobozi b'urugaga rw'abagore baturuka mu Mitwe ya Politiki bitabiriye aya mahugurwa.
Umukoro ngiro bakoze wo gusigasira igisenge, wafashije aba bayobozi kumva ko Imitwe ya Politiki barimo ari nk'injishi, ko kandi gusigasira igisenge (u Rwanda) bigomba gukorwa bose bashyize hamwe, bigashimangira amahitamo y'Abanyarwanda yo gukora demokarasi ishingiye ku bwumvikane, ibiganiro no kudaheza, bagaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, bakanafatanya mu guteza u Rwanda imbere.

Mu mahugurwa nanone, hatanzwe ***ubuhamya bugaragaza urugendo umugore yanyuzemo mu nzego z'ubuyobozi zifatirwamo ibyemezo***, kuva ku rwego rw'ibanze, kugeza ku rwego rwo kuba Umudepite mu nzego Nkuru z'Igihugu. Ubu buhamya bwatanzwe na Depite MUTESI Anitha, Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.
Hatanzwe kandi nanone ubuhamya bwa rwiyemezamirimo w'umugore witeje imbere, UWAMWEZI Marciana, akaba yarashoye imari nk'umugore mu bintu bitandukanye bimubyarira inyungu.
Aba bombi bagiriye inama aba bagore bari muri aya mahugurwa kudacika intege; kwicisha bugufi; gutinyuka ukumva ko ushoboye; gutega amatwi abo uyobora no kububaha; kujya inama kenshi n'abo muyoborana; kugisha inama no kwemera kugirwa inama; gusabana n'abo mukorana; kuzuza neza inshingano zawe; kuba umuyobozi n'umubyeyi ukabonera abana umwanya wo kubaganiriza, kubitaho no kubagira inama; kwirinda akarengane ako ari kose; gukorera mu mucyo no kwitegura gusobanura ibyo ushinzwe, kudashyira imbere amafaranga, kwirinda ruswa;

Amahugurwa yashojwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana Burasanzwe Oswald, washimiye Imitwe ya Politiki, ashima abayitabiriye n'abatanze ibiganiro. Yasabye abahuguwe ko bakwiye gusangiza ubumenyi bungutse abandi bayoboke b'Umutwe wa Politiki. Yashimiye kandi Imitwe ya politiki yohereje aba bagore muri aya mahugurwa, ababwira ko Ihuriro rizakomeza kongerera ubushobozi izi nzego n'izindi zigize Imitwe ya politiki
Yashoje agaragaza ko umugore w'u Rwanda ashoboye, icyo asabwa ari ugukomeza kwigirira icyizere, ntagamburuzwe n'inzitizi ahura nazo.

## KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Mu nama Isanzwe ya *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane,* yateranye ku wa gatatu tariki ya 26/8/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro ku Kacyiru; iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal.

Atangiza inama Umuyobozi wayo Senateri NKUSI Juvenal, yahaye ikaze Bwana RUTIKANGA Justin wo mu Mutwe wa Politiki PSP (wasimbuye Bwana NKUBANA Alphonse), nk'uko byemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 25 Kamena 2020. Yakomeje ageza ku bitabiriye inama ingingo zari ku murongo w'ibyigwa zirimo gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka wa 2019 – 2020.

Mu gusuzuma iyi raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura y'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald, yahawe umwanya avuga ko raporo yateguwe igizwe n'ibice bigari bikurikira: Intangiriro; ibikorwa byari biteganyijwe mu mwaka wa 2019-2020; abagize Komisiyo mu mwaka wa 2019-2020; ibikorwa byagezweho mu mwaka wa 2019-2020; ibikorwa bitagezweho; n'umwanzuro.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa, yavuze ko muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, Komisiyo Mbonezabupfura yashyize imbaraga ku gikorwa cyo kuvugurura Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro. Kuvugurura iki gitabo byasabwe n'Inama Rusange y'Ihuriro, nyuma yo kuvugurura no kwemeza Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, kandi iki Gitabo kikaba gishingiye kuri ayo mategeko.

Ku birebana n'**ibikorwa bitagezweho** mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, kuba bitaragezweho ntibishingiye kuri Komisiyo, ahubwo byatewe ahanini no kubura amikoro ahagije (ingengo y'imari yo gutuma ibyo bikorwa bigerwaho), ibindi biterwa n'ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19. Ibikorwa bitagezweho harimo:

(1) Gutegura amahugurwa y'abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Intara, (2) Gukurikirana ituburwa n'itangwa ry'Udutabo tw'Indangamyitwarire ku Mitwe ya Politiki. (3) Gukurikirana amahugurwa ashyirwa mu bikorwa na Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki.

Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama bashimye ibyo Komisiyo yagezeho mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020. Bashimye kandi ko mu rwego rwo gukumira no gukemura amakimbirane, nta busabe bwashyikirijwe Ihuriro, busaba ko Komisiyo y'Ihuriro Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane itanga inama kuri Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki. Bakaba batekereza ko kuba nta busabe bwabayeho, ari uko nta makimbirane yo ku rwego rwo gusaba ubufasha bwa Komisiyo yabayeho.

Abari mu nama bemeje raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, bamaze kuyinoza.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abagize Komisiyo ibitekerezo batanze. Ashima ko muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Komisiyo yakoze ibyari biteganyijwe biri mu nshingano zayo, hashingiwe ku mikoro y'Ihuriro no kubahiriza ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19 cyugarije isi. Ibikorwa bitagezweho bikaba byarateganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021.

## KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Mu nama isanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi nzego,* yateranye ku wa kane ya 27/8/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Depite NYIRAHIRWA Veneranda, washimiye abayitabiriye, akomeza abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa, ari zo: Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020; no Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda mu mwaka wa 2019-2020;

Mu gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Bwana BURASANZWE Oswald, yahawe umwanya agaragaza ko muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, Ihuriro ryari ryateganyije ibikorwa binyuranye nk'uko byari byaremejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro. Yavuze ko raporo y'ibikorwa yateguwe igizwe n'ibice bibiri bikuru: Igice cya mbere gikubiyemo raporo y'ibikorwa byagezweho, naho igice cya kabiri kikaba kigaragaza raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2019-2020.

Ku birebana n'**imbogamizi** Ihuriro ryahuye nazo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yavuze izi zikurikira: Amasezerano Ihuriro ryari rifitanye n'umuryango International IDEA ntiyavuguruwe. Aya masezerano yari ajyanye no gutegura amahugurwa abera mu Rwanda(Summer School for Youth Cadres from Political Parties), agahuza urubyiruko rwo mu mitwe ya politiki yo mu bihugu bimwe na bimwe byo ku mugabane w' Afurika, Amerika y'amajyepfo, no muri Aziya;

Ingaruka z'icyorezo cya COVID -19 zatumye ibikorwa byari biteganyijwe byose bidakorwa mu rwego rwo gukomeza kubahiriza ingamba zashyizweho zo kwirinda iki cyorezo.

Mu **ngamba** zafashwe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yavuze ko, Komite ishinzwe gushaka no kongera imari n'umutungo by'Ihuriro ikomeje gukora ubuvugizi mu Nzego za Leta n'iz'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kubashishikariza gutera inkunga ibikorwa by'Ihuriro. Ikindi, ni uko hari bimwe mu bikorwa byimuriwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2020/2021.

Yashoje agaragaraza ko muri rusange, muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Ihuriro ryageze kuri bikorwa bishimishije, birimo gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki, kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki, gutegura amahugurwa y'urubyiruko rwa YPLA, gutegura amahugurwa y'abayobozi b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro, n'ibindi. Ibikorwa byari biteganyijwe byashyizwe mu bikorwa ku rugero rwa 92 %.

Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama bashimye ibyo Ihuriro ryagezeho mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, kuko n'ubwo haje kuzamo icyorezo cya COVID 19 cyahungabanyije byinshi, ndetse na bamwe mu bafatanyabikorwa b'Ihuriro ntibavugurure amasezerano y'ubufatanye, imirimo n'ibikorwa by'Ihuriro byarakomeje.

Mu gusuzuma raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 abagize Komisiyo bashimye ibyo bagezeho mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, nko gutanga ibitekerezo no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020; gusuzuma raporo y'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo by'Ihuriro, gutanga ibitekerezo ku migendekere myiza y'amahugurwa ya YPLA n'amahugurwa y'abagize Urugagaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro n'ibindi.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye ibitekerezo batanze

## KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO

- Mu Inama isanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo,* yateranye ku wa gatanu tariki ya 28/8/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Madamu MUTIMUKEYE Nicole basuzumye ingingo zirimo gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Itumana no kungurana ibitekerezo mu mwaka wa 2019-2020; no Kugezwaho imigendekere y'amahugurwa ku buryo bw'ikoranabuhanga bwa WEBEX.

Mu gusuzuma raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumana no kungurana ibitekerezo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald, yahawe umwanya avuga ko raporo yateguwe igizwe n'ibikorwa byari biteganyijwe mu mwaka wa 2019-2020; ibikorwa byagezweho mu mwaka wa 2019-2020 n'ibikorwa bitagezweho.

Yavuze ko Komisiyo yageze ku bikorwa byinshi byari biteganijwe gusa ko hari ibikorwa bitagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020, kuba bitaragezweho avuga ko bidashingiye kuri Komisiyo, ahubwo byatewe ahanini no kubura amikoro ahagije (ingengo y'imari yo gutuma ibyo bikorwa bigerwaho); ibindi biterwa n'ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19. Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama bashimye ibyo Komisiyo ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo yagezeho mu mwaka wa 2019-2020 . Abari mu nama bemeje raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo.

Ku ngingo yo kugezwaho imigendekere y'amahugurwa ku buryo bw'ikoranabuhanga rya WEBEX abari mu nama bamenyeshejwe ko Ihuriro ryateguye amahugurwa ku buryo bw'ikoranabuhanga rya WEBEX. Hashingiwe ko muri iki gihe isi yugarijwe n'icyorezo cya COVID 19, Inzego zitandukanye zitabiriye gukoresha ikoranabuhanga, nka bumwe mu buryo bwo kwirinda no gukumira iki cyorezo. Akaba ari no mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 25 Kamena 2020, yongeye gushimangira ko Imitwe ya Politiki, abayobozi n'abayoboke bayo bakwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa binyuranye bategura ku buryo ibyinshi byaba hakoreshejwe ikoranabuhanga kugira ngo bifashe abantu kudahura kenshi kandi begeranye.

Abagize Komisiyo bashimye ko aya mahugurwa yateguwe, akaba azagirira akamaro Imitwe ya Politiki kuko abahuguwe kuri WEBEX, batangiye gukoresha ubumenyi bungutse mu gufasha Imitwe ya Politiki baturukamo. Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye ibitekerezo batanze